



# ICYICARO GIKURU CYA KILIZIYA GATOLIKA KU ISI

## UBUTUMWA BWA PAPA FRANSISKO KU MUNSI MPUZAMAHANGA W'AMAHORO WIZIHIZWA KU NCURO YA 55 KU WA 1 MUTARAMA 2022

**Umushyikirano hagati y'ibisekuru,  
uburezi n'umurimo: ibyangombwa mu  
kubaka amahoro arambye**

1. « *Mbega ngo biraba byiza kurabukwa mu mpinga y'imisozi, ibirenge by'intumwa izanye inkuru nziza* » (Iz 52, 7)

Aya magambo y'umuhanuzi Izayi aragaragaza ihumure, ukwiruhutsa kw'umuryango uri mu buhungiro, warambiwe urugomo no gukandamizwa, wugarijwe no gusuzugurwa ndetse n'urupfu. Umuhanuzi Baruki yari yibajije, ati « *Bite se, Israheli, ni kuki uba mu gihugu cy'abanzi, ukaba uriho usazira mu gihugu cy'abanyamahanga ? Dore warihumanyije wegera intumbi, none urabarirwa mu bajya ikuzimu* » (3, 10-11). Ku muryango wa Israheli, ukuza kw'intumwa y'amahoro byari icyizere cyo kuvuka ubwa kabiri bavuye mu bisigazwa by'amateka, bikaba n'intangiriro y'ejo hazaza heza.

Muri iki gihe, inzira y'amahoro Mutagatifu Pawulo wa VI yahaye izina rishya akayita *iterambere ryuzuye* [1], ikomeje kuba kure y'imibereho nyakuri y'abantu benshi bigatuma itagendwamo n'umuryango w'abantu bunze ubumwe byuzuye. Nubwo hari imbaraga nyinshi zishyirwa mu mushyikirano wubaka hagati y'ibihugu, urusaku rw'intambara ruteye ubwoba n'urw'amakimbirane rurarushaho kumvikana, indwara n'ibyorezo birarushaho gukwirakwira, ingaruka z'imihindagurikire y'ikirere no kwangirika kw'ibidukikije ziragenda ziyongera, ibyago by'inzara n'inyota birarushaho kugira ubukana kandi ubukungu bushingiye ku bwikunde aho gushingira ku bufatanye butajegajega burakomeza kuganza. Muri iki gihe cyacu kimwe nko mu bihe by'abahanuzi ba kera, ijwi ry'abakene n'isi riratabaza [2] risaba ubutabera n'amahoro.

Mu bihe byose, amahoro ni impano iva mu ijuru akaba n'imbuto z'ibyo abantu biyemeje gusangira. Ni koko, hari icyo twakita « *inyubako y'amahoro* » igirwamo uruhare n'inzeho zinyuranye za sosiyete, hakabaho « *ubuhanzi cyangwa ubugeni* » bw'amahoro buri wese muri twe atangamo umusanzu ku giti cye [3]. Buri muntu ashobora kugira uruhare mu kubaka isi ifite amahoro kurushaho, ahereye mu mutima we bwite n'ubusabane mu muryango, hanyuma muri sosiyete ndetse n'ibidukikije, kugera ku busabane hagati y'abaturage ndetse no hagati y'ibihugu.

Hano, ndashaka gutanga uburyo butatu bwo kubaka amahoro arambye. Ubwa mbere ni **umushyikirano hagati y'ibisekuru** nk'umusingi wubakirwaho imishinga duhuriyeho. Uburyo bwa kabiri ni **uburezi** nk'imbarutso y'ubwisanzure, yo kwita ku nshingano no gutera imbere. Uburyo bwa gatatu ni **umurimo** uha umuntu kubugangabunga agaciro n'icyubahiro cye mu buryo busendereye. Ibi bintu uko ari bitatu ni ingenzi kugira ngo « *habeho amasezerano mbonezamubano* » [4], bitabaye ibyo, umushinga w'amahoro uwo ari wo wose waba udafite ishingiro.

## 2. Umushyikirano hagati y'ibisekuru wubaka amahoro

Muri iyi si ikomeje guhangana n'icyorezo cyateje umubabaro mwinshi, « *abantu bamwe bagerageza guhungira ibibazo mu kwihugiraho, abandi bagahangana nabyo bakoresheje urugomo rwangiza. Nyamara, hagati y'ubwikunde bwirengagiza abandi n'urugomo rwangiza, hari inzira imwe ishoboka. Iyo ni inzira y'umushyikirano. Umushyikirano hagati y'ibisekuru* »[5].

Umushyikirano wose w'ukuri, n'ubwo utaburamo kujya impaka zubaka, unasaba kwizerana hagati y'abaganira. Tugomba kwiga uburyo bwo kugarura uko kwizerana! Ingorane z'ubuzima ziriho ubu zitewe n'icyorezo cya Covid-19 zongereye mu mibereho y'abantu igishuko cyo kwihugiraho no kuba nyamwigendaho. Ubwigunge bw'abageze mu zabukuru butuma abakiri bato bababona nk'abadafite ubushobozi n'abatekereza kimwe na bo kuri ejo hazaza. Iki kibazo cy'ubuzima kirababaje rwose. Ariko kandi gishobora no gutuma abantu bagaragaza ibyiza bibarimo. Mu by'ukuri, mu gihe cy'icyorezo, twabonye ubuhamya bw'impuhwe, gusangira no gufatanya mu bice byose by'isi.

Umushyikirano ugizwe no guteza amatwi, gusangira ibitekerezo, kumvikana no kugendana. Guteza imbere umushyikirano nk'uyu hagati y'ibisekuru twabigereranya no guhinga umushike w'amakimbarane n'uwo kwirengagiza bandi, kugira ngo habibwe imbuto z'amahoro arambye kandi asangiwe na bose.

Mu gihe iterambere ry'ikorabuhanga n'ubukungu ryagiye riteza kutumvikana hagati y'abato n'abageze mu zabukuru, ibibazo turimo muri iki gihe birerekana ko byihutirwa gutahiriza umugozi umwe kw'impande zombi. Ku ruhande rumwe, abato bakeneye ubwenge n'ubunararibonye by'abageze mu zabukuru; ku rundi ruhande, abageze mu zabukuru na bo bakeneye inkunga, urukundo, uguhanga udushya n'imbaraga by'abakiri bato.

Guhangana n'ibibazo bikomeye by'imibereho no gushakisha amahoro, ntibigomba kwiyibagiza na busa umushyikirano hagati y'abarinzi b'amateka, ni ukuvuga abageze mu zabukuru, n'abatuma amateka atera imbere, ari bo abakiri bato. Uyu mushyikirano na wo nta kindi usaba usibye ko buri ruhande rubibonera akanya, rwiteguye guha urundi umwanya, kandi rukirinda gutsimbarara ku

kwiharira ibintu byose mu gukurikirana inyungu zarwo zihariye mu buryo bwihuse, rutitaye ku mateka cyangwa ku hazaza. Ikibazo cyugariye isi yose kitwereka ko guhura no gushyikirana hagati y'abageze mu zabukuru n'abakiri bato ari ho hava imbaraga ziyobora politiki nzima itibanda gusa ku gucungana n'iby' iki gihe « *ndetse n'ibisubizo byihuse* » [6], ahubwo ikaba n'uburyo bukomeye bw'urukundo ku bandi [7], mu gushakisha imishinga rusange kandi irambye.

Niba, rwagati mu bibazo, dushoboye gushyira mu bikorwa uyu mushyikirano, « *tuzashora imizi muri iki gihe, maze dushobore kumenya ahahise ndetse n'ahazaza ni ukuvuga gusubiza amaso ku byahise kugira ngo twigire ku mateka no komora ibikomere rimwe na rimwe bikitubabaza; kureba ahazaza mu rwego rwo kubyutsa ishyaka ryacu, gutuma inzozo zacu zigaragara, gukangura ubuhanuzi, no gutuma ikizere kiganza. Twunze ubumwe, umwe ashobora kwigira ku wundi.* »[8]. Ni gute igiti cyakura kikera imbuto kidafite imizi ?

Gusa rero dukeneye gutekereza ku kibazo cyo kwita kuri iyi si, inzu yacu rusange. Mu by'ukuri, ibidukikije « *ni intizanyo buri gisekuru kigomba gushyikiriza ibisekuru bizaza* » [9] Tugomba rero guha agaciro no gutera ishyaka benshi mu bakiri bato bitangira ko habaho isi itarenganya, kandi yitaye ku kurinda ibyaremwe twashinzwe kwitaho. Ibyo babikorana umwete n'ubudacogora, ndetse cyane cyane bumva ko hari icyo basabwa gukora imbere y'ihinduka ryihutirwa ry'icyerekezo [10] duhatirwa n'ingorane zikomoka ku kibazo cyo kononekara kw'imyitwarire mbonezamuco ya muntu n'imibanire ye n'ibidukikije muri iki gihe turimo [11].

Byongeye kandi, amahirwe yo kubakira hamwe inzira y'amahoro ntashobora kwirengagiza uburezi n'umurimo. Ibi byombi na byo ni amahirwe akomeye mu mushyikirano hagati y'ibisekuru. Uburezi butanga ikibonezamvugo cy'umushyikirano hagati y'ibisekuru, kandi mu burambe ku murimo ni ho abantu bo mu bisekuru bitandukanye baturira, bagakorana, bakungurana ubumenyi, ubunararibonye n'ubuhanga hagamijwe inyungu rusange.

### **3. Kwigisha no kurera ni imbaraga zishyigira amahoro**

Mu myaka yashize, ingengo y'imari yagenerwaga kwigisha no kurera yaragabanutse cyane ku isi. Bifatwa nk'ibitwara amafaranga, aho kuba ibyashorwamo imari nyamara kandi ari byo bintu by'ibanze mu iterambere ryuzuye rya muntu, kuko bituma arushaho kwisanzura no kwita ku nshingano kandi bikanaba ingenzi mu kurinda no kwimakaza amahoro. Mu magambo make, kwigisha no kurera ni byo shingiro rya sosiyete yunze ubumwe, ifite umuco, ishoboye kurema icyizere, uburumbuke n'iterambere.

Ku rundi ruhande, dusanga amafaranga yakoreshejwe mu gisirikare yariyongereye, arenga urwego yagezeho nyuma y'intambara y'ubutita, kandi biragaragara ko azarushaho kwiyongera ku buryo bukabije [12].

Igihe kirageze rero kandi birihutirwa ngo za leta zishyireho politiki y'ubukungu igamije guhinduranya igipimo cy'amafaranga akoreshwa mu burezi n'ashorwa mu ntwaro. Byongeye kandi, gukurikirana inzira nyayo yo kugabanya intwaro ku rwego mpuzamahanga ni byo byonyine bishobora kuganisha ku nyungu nini z'iterambere ry'abaturage n'ibihugu, mu gutuma haboneka amafaranga akoreshwa neza mu buzima, amashuri, ibikorwaremezo, kwita ku butaka, n'ibindi n'ibindi.

Mfite icyizere ko ishoramari mu burezi na ryo rizaherekezwa n'ubushake bukomeye bwo guteza imbere umuco wo kutaba ntibindeba [13]. Imbere y'amacakubiri muri sosiyete n'ubushobozi buke bw'inzego, uyu muco ushobora guhinduka ururimi rusange rusenya inzitizi kandi rukubaka ibiraro bihuza abantu. « *Igihugu gitera imbere iyo habayeho umushyikirano wubaka hagati y'indangagaciro nyinshi zigize umuco: umuco rusange wa rubanda, kaminuza, uruburiko n'ubuhanzi, ikoranabuhanga, ubukungu, agaciro k'umuryango n'itangazamakuru* » [14]. Ni ngombwa rero gushyiraho umuco mushya w'icyitegererezo binyuze mu « *masezerano y'uburezi ku isi yose agenewe ibisekuru bizaza kandi agizwemo uruhare n'ibisekuru bizaza, atuma imiryango, amakoraniro, amashuri na kaminuza, ibigo, amadini, abategets, n'abatuye isi bese baharanira kurera muntu ushyitse.* » [15]. Ni icyerekezo cy'uburezi bubumbatiye urusobe rw'ibinyabuzima hagamijwe umuco w'amahoro n'iterambere rirambye ryibanda ku buvandimwe n'ubusabane hagati ya muntu n'ibidukikije [16]. Gushora imari mu kwigisha no kurera abakiri bato ni inzira nyamukuru yo kubafasha kugira umwanya ubakwiye ku isoko ry'umurimo binyuze mu myiteguro iboneye.

#### 4. Guhanga no gutanga akazi byubaka amahoro

Umurimo ni ikintu cy'ingenzi mu kubaka no kubungabunga amahoro. Ni wo uhishura impano zacu twifitemo, umuhate, umunaniro, ubufatanye n'abandi, kubera ko buri gihe iyo umuntu afite akazi haba hari uwo akorera cyangwa abo bakorana. Duhereye kuri iyi mibereho mbonezamubano, ku murimo ni ahantu twigira gutanga umusanzu wo kubaka isi nziza kurushaho kandi ibereye guturwamo.

Icyorezo cya Covid-19 cyahuhuye ihungabana ry'umurimo ku isi, ryari risanzwe rifite ingorane nyinshi. Ibikorwa byinshi by'ubukungu kandi byatangaga umusaruro byarahagaze; abakozi baciriritse barushijeho kugarizwa; benshi mu batanga serivisi z'ingenzi bararushaho kwirengagizwa n'abaturage n'abayobozi; kandi mu bihe byinshi, kwigisha hakoreshejwe iya kure byatumye habaho icyuho mu myigire no gutinda kurangiza gahunda y'amasomo. Byongeye kandi, uruburiko rwinjira ku isoko ry'umurimo kimwe n'abantu bakuru badafite akazi muri iki gihe barahura n'ingorane zibakomereye.

By'umwihariko, ingaruka z'ihungabana ry'ubukungu buciriritse, akenshi butunze abakozi b'abimukira, zabaye mbi cyane. Abenshi muri bo ntibemerwa n'amategeko y'igihugu, nk'aho batabaho. Bo n'imiryango yabo babaho mu buzima bubi cyane, bugarijwe n'uburyo butandukanye bw'ubucakara kandi nta gahunda y'imibereho myiza ibageraho. Kuri ibyo, hiyongereyeho ko kuri ubu, gusa kimwe cya gatatu cy'abatuye isi bafite imyaka yo gukora, ari bo bonyine bagerwaho na gahunda yo kurengera imibereho, cyangwa se ibageraho mu buryo buciriritse. Ihohoterwa n'ubugizi bwa nabi bwateguwe biragenda byiyongera mu bihugu byinshi, bikabangamira ubwisanzure n'agaciro ka muntu, bikangiza ubukungu kandi bikabangamira iterambere ry'inyungu rusange. Igisubizo rukumbi kuri ibi bintu ni ukwagura amahirwe yo kubona akazi karengera agaciro k'umukozi.

Koko rero, umurimo ni wo musingi wubakirwaho ubutabera n'ubufatanye mu muryango uwo ari wo wose. Ni yo mpamvu *bidakwiye ko iterambere ry'ikoranabuhanga risimbura umurimo wa muntu, kuko ibi byabangamira ikiremhamuntu. Umurimo ni ikintu cya ngombwa, ni kimwe mu bisobanuro by'ubuzima kuri iyi si, ni inzira yo gukura, y'iterambere rya muntu no kugaragaza abo turi bo* »[18]. Tugomba guhuza ibitekerezo byacu n'imbaraga zacu, kugira ngo dushake ibisubizo bishobora guha

buri wese mu bageze igihe cyo gukora amahirwe yo kugira uruhare mu buzima bw'umuryango we n'ubwa sosiyete, muri rusange, abikesha umurimo akora.

Birihutirwa kuruta ikindi gihe cyose, guteza imbere ibyangombwa mu murimo ukwiye kandi ubereye muntu, biganisha ku nyungu rusange no kurinda ibyaremwe, mu bice byose by'isi. Ni ngombwa kandi gushyiraho no gushyigikira ubwisanzure bw'ibikorwa bigamije guhanga imirimo, kandi hakabaho kongera gushishikariza buri wese kumva inshingano nshya afite muri sosiyete, kugira ngo abantu batabaho baharanra gusa inyungu.

Dushingiye kuri ibyo, hakenewe guteza imbere, guha ikaze no gushyigikira gahunda, mu nzego zose, isaba ibigo kubahiriza uburenganzira bw'ibanze bw'abakozi, itabishishikariza gusa ibigo, ahubwo n'abakozi ubwabo, sosiyete sivile ndetse na ba rwiyemezamirimo. Uko izi nzego zose zigenda zimenya uruhare rwazo mu mibereho myiza ya sosiyete, ni ko zirushaho kuba ahantu umuntu yubahwa, ibyo bigatuma zigira uruhare mu kubaka amahoro. Kuri iyi ngingo, politiki irahamagarirwa kugira uruhare rugaragara mu guteza imbere uburinganire hagati y'ubwisanzure mu bukungu n'ubutabera mu bantu. Abantu bose babigenza batyo, uhereye ku bakozzi na ba rwiyemezamirimo b'abagatolika, bashobora kubona umurongo ngenderwaho mu Nyigisho Mbenezamubano za Kiliziya.

Bavandimwe nkunda, mu gihe tugerageza guhuza imbaraga zacu kugira ngo dusohoke mu cyorezo cya Covid-19 ndashaka kongera gushimira abantu bose bitanga, kandi bakomeje gukorana ubuntu no kumva ko hari icyo basabwa gukora mu gutanga uburezi, umutekano ndetse no kurengera uburenganzira bwa muntu, gutanga ubuvuzi, koroshya uguhura hagati y'imiryango n'abarwayi, kwizeza inkunga y'ubukungu ku bantu bakennye cyangwa batakaje akazi. Kandi mu isengesho ryanjye ndasabira abo cyagizeho ingaruka bese n'imiryango yabo.

Ku bayobozi ba za leta ndetse n'abafite inshingano za politiki n'imibereho myiza y'abaturage, abapadiri n'abakora umurimo w'ikenurabushyo, kimwe no ku bantu bese b'umutima mwiza, ndabasaba ko twagendana muri ubu buryo butatu: umushyikirano hagati y'ibisekuru, uburezi n'umurimo. icyamba ngo hagende hiyongera abantu baharanira buri munsu kuba abanyamahoro, kandi bakabikorana ubwiyoroshye n'ubudacogora. Umugisha w'Imana y'amahoro ubabanzirize kandi ubaherekeze igihe cyose.

**Bikorewe i Vatikani, ku wa 8 Ukuboza 2021.**

**Papa Fransisko**